

REPUBULIKA Y'URWANDA



Gasabo, ku wa 22/10/2019

Ref.No : 21.4.7.0.7.0.02/2019

UMUJYI WA KIGALI  
AKARERE KA GASABO

Website : [www.gasabo.gov.rw](http://www.gasabo.gov.rw)

Email : [info@gasabo.gov.rw](mailto:info@gasabo.gov.rw)

P O BOX 7066 KIGALI

**ITANGAZO RIHAMAGARIRA ABASHAKA GUPIGANIRA GUSHYIRAHO AMAVURIRO ACIRIRITSE (HEALTH POSTS)**

Akarere ka Gasabo karashaka gushyiraho amavuriro aciriritse (HEALTH POSTS) 32 mu Tugali 32 turi mu Mirenge itandukanye igize Karere. Ni muri urwo rwego Akarere ka Gasabo gahamagarira abashaka gushyiraho ayo mavuriro aciriritse (Health Posts) azaba afite ubufatanye na Leta (Public- Private Community Partnership) kwandika babisaba.

**Upigana agomba kuba yujuje ibi bikurikira:**

- Kuba ari Umunyarwanda (kazi);
- Kuba afite impamyabushobozi y'ubuforomo yo ku rwego rwa A2 cyangwa A1;
- Kuba yanditswe mu rugaga rw'abaforomo n'ababyaza (NMC)

**Icyitonderwa:**

Uzatsinda ikizamini azishakira inzu (infrastructure) izakoreshwa nk'ivuriro riciriritse (health post), igomba kuba ifite nibura ibyumba bine (4) n'aho aba clients (abagana ivuriro) bategerereza;

Abapigana kandi nyuma yo gukora ikizamini, abatsinze, mbere yo gutangira gukora, Akarere kazabanza kemeze ko inzu igomba gukorerwamo "Health Post" yujuje ibisabwa na Minisiteri y'Ubuzima.

**Uburyo bwo kugeza inyandiko ibisaba ku Karere**

Ababyifuza barasabwa kuzana inyandiko zigizwe na fotokopi y'impamyabushobozi itariho umukono wa Noteri, fotokopi y'indangamuntu, icyangombwa kigaragaza ko yanditswe mu rugaga rw'abaforomo n'ababyaza (NMC), amabaruwa y'abantu 2 babazi neza (persons of references), umwirondoro n'inyandiko igaragaza ubunararibonye mu buvuzi (working experience testimonials).

Inyandiko zisabwa zigomba kuba zageze mu bunyamabanga Rusange bw'Akarere ka Gasabo bitarenze tariki ya 22/11/2019 isaa kumi n'imwe (17h00).

Bikorewe I Gasabo ku itariki ya 22/10/2019

**RWAMULANGWA Stephen**  
Umuyobozi w'Akarere ka Gasabo

